**ICYEMEZO n° 02/2022/TB/BWS GITEGEKA UKURIKIRANWEHO ICYAHA KWITABA MU GIHE CY'UKWEZI**

REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

Umunsi wa 14 w'ukwezi kwa Mata, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri;

**Twebwe NIYONSABA Emelyne**, Umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze rwa **BWISHYURA**, dufashijwe na **MPORWIKI Jean Marie Vianney**, Umwanditsi Mukuru y'urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona ko kuwa **26/07/2021** Ubushinjacyaha bwashyikirije Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura ikirego cyandikwa kuri nomero **RP 00348/2021/TB/BWS,** burega **IRASUBIZA Jean De Dieu** bumukurikiranyeho icyaha cyo **gusenya cyangwa konona inyubako ku bushake utari nyirayo** giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya **182** y'Itegeko Nº68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**Tumaze** kubona ko mu iburanisha ry'uru **RP 00348/2021/TB/BWS** ryo kuwa 14/04/2022, ubushinjacyaha bwashimangiye ko bwareze **IRASUBIZA Jean De Dieu** nk'uwatorotse ubutabera ndetse bikaba bigaragara mu nyandiko ikubiyemo ikirego cyabwo;

**Dushingiye** ku ngingo za 160, 161 na 162 z'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

**Dutegetse ko IRASUBIZA Jean De Dieu mwene** BYIRINGIRO na UKWINDIYAZI Philomene utuye mu Mudugudu wa **Nkomagurwa**, Akagari ka **Nyarugenge**, Umurenge wa **Rubengera**, Akarere ka **Karongi, ukora - Tel -**, intara y'**Iburengerazuba**; muri **Repubulika y'u Rwanda**; akaba akurikiranywe yaratorotse ubutabera, yitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura kuwa **17/05/2022, i saa mbiri** za mugitondo kugira ngo aburane, natitaba, hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, urubanza rwe ruburanishwe.

**Dutegetse ko** mu gihe cy'iminsi umunani (8) iki cyemezo kikamanikwa ahabugenewe ku biro by'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura, Urubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga, ibiro by'Akagari ka **Nyarugenge,** umurenge wa **Rubengera,** akarere ka **Karongi.**

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

| | |
|---|---|
| NIYONSABA Emelyne | MPORWIKI Jean Marie Vianney |
| UMUCAMANZA | UMWANDITSI MUKURU |

URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA